**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU:**

**"GUHAGARIKWA K'UMUKINNYI MUHITIRA Félicien"**

Ku wa kabiri tariki ya 29 Kamena 2021, umukinnyi **MUHITIRA Félicien (Magare)** umwe mu bakinnyi bazahagararira u Rwanda mu mikino Olempike yafashe icyemezo cyo kwikura mu mwiherero w'ikipe Olempike atabiherewe uburenganzira n'umutoza we ndetse na Komite Olempike y'u Rwanda.

Ku bw'izo mpamvu, MUHITIRA Félicien yahagaritswe mu mwiherero w'ikipe Olempike yitegura imikino Olempike, akaba atazanitabira imikino Olempike ya Tokyo 2020. Ibi bitewe n'uko yishe amategeko agenga umwiherero nkana agasohoka mu mwiherero nta ruhushya ahawe, ndetse bikaba bitandukanye n'amabwiriza yo kwirinda Covid-19 agomba kubahirizwa n'abari mu mwiherero nk'uko bisabwa n'abategura imikino Olempike. Ahagaritswe kandi mu bikorwa byose by'ikipe Olempike kugeza igihe hatangiwe andi mabwiriza.

Komite Olempike y'u Rwanda irizeza ubushishozi no gushyira mu gaciro ku bijyanye n'imyitwarire ikwiye abakinnyi ndetse iranakangurira abakinnyi gukomeza kwitwara neza nk'uko bisabwa by'umwihariko muri ibi bihe byo kwirinda Covid-19.

**Bikorewe i Kigali kuwa 29 Kamena 2021**

COMITE NATIONAL OLYMPIQUE & SPORTIF DU RWANDA
RWANDA
CNOSR

**Komite Olempike y'u Rwanda**